

UMWE KURI MILIYONI



Murakoze, mwene Data. Murakoze, mwene Data
Shakarian.

Kandi Mwaramutse, nshuti. Mu by'ukuri ni byiza kongera kuba hano muri Los Angeles muri iki gitondo, imbere y'iki giterane gikomeye, hamwe n'amateraniro ataganyijwe muri iki cyumweru gitaha kuri Hoteri Embassy. Nizeye Kuzababonayo mwese. Kandi twese dufite ibyifuzo bikomeye byo guhura n'Umwami wacu Yesu, tumureba hariya. Yasezeraniye ko Azaba ahari, "Aho babiri cyangwa batatu bateraniye," Azaba ahari.

² Kandi nzi neza ko twahuye na We muri iki gitondo ubwo nazamukaga urwego kugira ngo ngere hano muri iyi nyubako, mu gihe abantu bose bari bategerezanyije amatsiko akomeye, bategereje ifunguro rya mu gitondo n'ikiganiro. Rero ni byiza guhurira hano namwe, ndetse n'abadukurikiye kuri radiyo. Hano hari benshi cyane, bari... Nagombye kumanuka mu nyubako yo hasi, maze nkavugana na bamwe. Kandi nabonye ibyifuzo byinshi, ibibazo by'umutima, n'uburwayi butandukanye bw'imibiri yabo kandi turi hano ubu kugira ngo dusengere abarwayi n'abababaye.

³ Mu gihe narindimo kuzamuka ingazi... Narimo nitegereza umusaza mwiza hano. Yaje aho ndi, maze arambwira ati: "Mwene Data Branham, mu myaka yashize..." Avuga ko yari afite indwara y'umutima ikomeye cyane ku buryo yari... batekerezeza ko agiye gupfa. Nuko ndamusengera, maze ubuntu bw'Imana buramukiza. None nguyu hano muri iki gitondo, mu myaka ye mirongo inani, yishimye. Ibyo rero bituma tugira ibyiringiro bishya.

⁴ Noneho ubu rwose ndasaba amasengesho ku bantu bari hanze badukurikiye kuri radio, kimwe n'abari hano. Nyuma yo kuva muri aya materaniro, ngiye kwerekeza i Burayi, manuke no muri Afrika no mu nkengero zayo, mu materaniro. Kandi ibyo byaje mu iyerekwa, rwose hazaba amateraniro akomeye, ndabizi neza. Rero hashize imyaka myinshi numva ko Umwami Ashaka ko nsubirayo. Umurimo muto uciye bugufi, umurimo uciye bugufi Yampaye, ntabwo ntekereza ko yarangizanyije nawo hariya. Bimeze nkaho hari ubugingo buri ahantu nshobora kurobesha urushundura rw'Ubutumwa bwiza, urwo Yampereye kugira ngo ndobeshe abantu, nkoresheje gukira indwara guturuka ku Mana, nsengera abarwayi. Kandi rwose ndasaba amasengesho yanyu, mwebwe bantu bari hano, ndetse n'abari hanze bakurikiriye kuri radiyo.

⁵ Rero nta mwanya mfite wo gufata umutwe w'ikibwiriza ngo mbwirize, aricyo natekerezeza gukora nyuma y'iminota mike,

hano muri—muri...iki cyumba cy'amateraniro, ariko ngiye kuvugana na—namwe umwanya muto, kugira ngo tumenyane. Kandi ku bantu bari hakurya mu gihugu, ngiye gusengera abari hanze, aka kanya, namwe abari hano. Kandi mu by'ukuri ndanzezerewe guhura n'izi inshuti nshya zose ntigeze mpura nazo mbere, kuba mpuye nabo muri iki gitondo.

⁶ Twagiye tugirana ibihe byiza mu materaniro y'ahandi. Ntabwo nkibasha gusohoka cyane, nta mwanya. Twagerageje kuguma mu bushyuhe bwari mu muhanda hagati ya Jeffersonville, Indiana na Tucson, Arizona, aho twimukiye hariya mu myaka mike ishize, binyuze mu iyerekwa ry'Umwami, ariryo ryatumye twereka hariya...ntabwo narinzi aho narindimo kujya. Kandi benshi muri mwe, i Clifton, navuganye namwe mbere yo kugenda, ndetse no mu materaniro y'i Phoenix, iby'iyerekwa nagize. Nabonye Abamarayika barindwi mu itsinda.

⁷ Kandi ndabizi, kubateraniye kuri radiyo, ahari benshi muri mwe ntabwo ari ab'Ubutumwa Bwiza bwuzuye, Kandi bishobora kugaragara gato nkaho ari iby'ubwiru kuri mwe. Ari nako byaba bimeze kuri njye, ariko hariho...Umuntu wese washobora gusobanura ikintu runaka, ntabwo uba ugikeneye kucyemera na gato kubwo kwizera. Ni ibintu tudashobora gusobanura, tubyemera binyuze mu kwizera. Ntidushobora gusobanura Imana. Nta muntu washobora gusobanura Imana. Ni Imana ikora icyo ishaka, Irakomeye kandi Irashoboye. Gusa twebwe—turabyemera kubera ko tuzi ko Ihari. Kandi noneho binyuze mu kwizera kwacu, mu kubyemera, Iduha igisubizo, cy'umubatizo w'Umwuka Wera.

⁸ Aribyo, ngiye kuvugana namwe hano, mu mwanya muto, kubijyanye n' "Inzira y'Imana," cyangwa, "ahantu ho gusengera." Kandi ahantu honyine mwashobora kuyisengera, ahantu honyine Izigera ihurira namwe, hari...Hariho Itorero rimwe, ahantu hamwe, igihe kimwe, ubwoko bumwe, mubo Imana ihura na bo. Kandi nizera ko Uwituka aha umugisha Ubutumwa mu mitima yanyu hano.

⁹ Noneho, ndimo mva Tucson, byari ibidasanzwe, ayo mayerekwa avugana namwe mu Izina ry'Uwituka. Nta n'umwe muri bo mbasha kwibuka, mwabaza uwo ariwe wese niba bashobora kwibuka igihe icyo ari cyo cyose, Yaba yarigeze Ivuga ikintu hanyuma ntikibe Ukuri. Byagiye bisohora mu buryo Yavuze ko bizagenda.

¹⁰ Kandi Igomba, bijyanye n'Tbyanditswe, bijyanye n'Tbyanditswe, kugaruka kuri twe mu minsi yanyuma, muri ubu bwoko bw'umurimo. Ibyo bizaba nyuma y'umubatizo w'Umwuka, no kuvuga mu ndimi, no gukira indwara guturuka ku Mana, n'ibindi, ibi bintu. Gusozwa k'ubutumwa bwa Pantekote ni byo turi kuvugaho uyu muni. Uyu murimo

wa Kristo Ubwe yigira umuntu mu bwoko Bwe, n'ibintu bisa nk'ibyo Yakoze Akiri hano kw'isi; mu Mubiri We, Umugeni, ariwe rusingo Rwe, akora ibintu bimwe, nk'Umugabo n'Umugore, cyangwa Umwami n'Umwamikazi, mbere gato y'umuhango w'Ubukwe.

¹¹ Iki cyumweru, Uwituka nabishaka, ndashaka kuvuga kuri bimwe muri byo, hanze hano mu biterane byacu, aho kuri—kuri Hotel Embassy, n'uburyo bwo kumenyana mu buryo bwanjye mbikoramo buciye bugufi. I—igihe n'isaha turimo kubaho, niba umuntu atazi aho kwerekeza, icyo gukora cyangwa uburyo bwo guhindukira, muba—ntabwo muba mukiyoborwa n'ukwizera na hato; muba murimo gushidikanya, murimo muracishiriza. Kandi, *gucishiriza* ni uku—ni “ukugenda udafite ububasha uhabwa n'itegeko.” Rero niba nyakuri tudafite itegeko riduha ububasha mu kumenya icyo Imana yavuze ko kizabaho muri iki gihe, Na buryo ki tugiye guhangana n'iki gihe? Kandi tugomba guhangana nayo, tuziko, binyuze mu kwizera mu Ijambo Ryayo, ibintu bikwiriye kubaho ubu, kandi imiterere y'ibihugu, imiterere y'abantu, imiterere y'itorero, n'ibindi.

¹² Dukwiriye kumenya ibyo, kandi noneho ni gute dukwiriye gusohoka ngo duhangane nabyo. Niba utazi uburyo bwo gukora ibyo, ubwo uba—uba uhindutse icyo twitaga, ibintu by'impanuka; tugapfa gusimbukiramo, twiringiye ko biza kubaho, twiringiye *ibi* ndetse twiringiye na *biriya*, kandi tuti “mbese bizabaho?” Ariko Imana ntishaka ko dukora ibyo. Ishaka ko tumenya icyo Yavuze kubijyanye n'uyu muni, kandi hanyuma tugahangana nabyo binyuze mu kwizera, kubera ko Yavuze ko bizaba muri ubwo buryo. Hanyuma twe—twe turabizi ko noneho ari Ukuri, kubera ko nta jambo ry'umuntu runaka mufite kuri byo; mufite Ijambo Ryayo ry'ibyo tugomba gukora. Kandi twizeye ko Data wo mu Ijuru aza—azabitwemerera muri iki cyumweru.

¹³ Noneho, mumbabarire kuko nacyemo, ibyo narindimo kuvuga mu kanya gato gashize, bijyanye no kuva Tucson. Kandi natekereje, ubwanjye, ko ibyo byari iherezo ry'ubuzima bwanjye. Natekerezaga ko nta n'umwe washobora kwihangarira kwangirika kumeze gutyo kw'ibyabaye mu iyerekwa icyo gitondo, ahagana saa yine mu rugo, ntacyashoboraga kubaho nyuma y'ibyo. Kuko, naje i Tucson, nateguye guhanda hamwe n'umuhungu wanjye, kubw'umugore wanjye na—n'abana ko bagomba kujyana nawe nyuma y'uko maze kugenda, kubera ko natekereje ko ryari ryo herezo. Kandi Njye, muri Phoenix no muri menshi mu materaniro mbere y'uko bibaho, nababwiye uburyo byagombaga kugenda.

¹⁴ Rero, mu mezi make nyuma y'ibyo, nari hejuru aho muri Sabino Canyon igitondo kimwe, ariho hari mu majyaruguru ya Tucson. Nari nagiyeye hariya gusenga. Kandi mu gihe nari ndimo gusenga, nari nazamuye ukuboko kwanyje hejuru mu kirere,

ndimo mvuga nti: “Data, ndagusabye kugira ngo Umfashe, umpe imbaraga, kubera igihe ndimo nyuramo. Kandi niba umurimo wanjye urangiye hano ku isi, noneho ngomba kugusanga Wowe. Kandi ntabwo ari ukubera ko nicuza ko nje, ahubwo nziko Uzita ku muryango wanjye. Kandi njye—njye gusa ndasaba imbaraga kubw’iyi saha.” Nuko ikintu kitura mu ntoki zanjye!

¹⁵ Noneho, ku bakurikiriye kuri radiyo, ibi bishobora gusa nkaho bidasanzwe kubyo ndimo kuvuga, ariko ni ukuri. Kandi Imana ni yo Umucamanza wanjye.

¹⁶ Nitegereje mu kiganza cyanjye, nuko mbona harimo inkota, ifite urwubati ahagana ku kirindi. Kandi icyo gufata ubwacyo cyari gikozwe mu marigarita, kandi igikingira cyasaga n’izahabu ahagana ku kirindi. Kandi icyo—imbugita ubwayo yasaga nkaho yabengerana, yoo, ikintu kijya gisa na chrome cyangwa ikintu kibengerana nk’izuba.

¹⁷ Noneho, hari nko mu ma saa yine cyangwa saa tanu za mu gitondo, mu nzira ngana aho mu mpinga y’umusozi. Ntimushobora kwiyumvisha ukuntu umuntu (nkuko numva ko ndi mu bitekerezo byanjye byuzuye) yajyaga kwiyumva ahagaze aho hamwe n’inkota idafite aho iturutse, abantu bari mu birometero n’ibirometero, uyifashe mu kiganza cyawe. Ndabiyumvisha, kuyifata ukazunguza ubugi ubujyana imbere n’inyuma, kandi, rero, yari inkota.

¹⁸ Ndeba hirya no hino. Ndavuga nti: “Rero, noneho, ni gute ibyo byashobora kubaho? Hano mpagaze, aha nyine, kandi nta muntu n’umwe wari hafi aho mu birometero, none ni hehe iyo yaturutse?” Maze njye ndavuga ngo: “Rero, Njye—Njye ndakeka ko ari—ko Uwiteka arimo kumbwira ko ari iherezo ryanjye.”

Nuko Ijwi riravuga riti: “Iyi ni Inkota y’Umwami.”

¹⁹ Kandi ndatekereza nti: “rero, inkota, noneho ni...byari kimwe n’umwami, n’ugendera ku ifarashi” Murabizi, uburyo bajya babikora mu Bwongereza n’ahandi hatandukanye. Ndatekereza nti: “Icyo ni cyo bishobora kuba biri cyo, ugendera ku ifarashi.” Maze ndatekereza nti: “Rero, ahari ngomba kurambika ibiganza ku bantu, cyangwa...” Nari mfite ibintu byinshi...Ibitekerezo by’umuntu bishobora kuvangirwa, murabizi. Ntabwo mubizi. Ibitekerezo byacu bigira aho bigarukira; Ibyayo ntibigira aho bigarukira. Rero, kandi nkuko nari ndi, yo...Noneho yavuye mu kiganza cyanjye nuko sinamenya aho yerekeje, ihita ibura. Kuko, niba umuntu adasobanukiwe ibintu by’umwuka, mwebwe—mwashobora guhinduka abasazi nka gutyo. Mwari kuba muhagaze aho, mwibaza ikibaye.

²⁰ Kandi Iravuga iti: “Iyerekwa ntabwo ari iherezo ryawe. Ni kubw’umurimo wawe. Iriya Nkota ni Ijambo. Ibimenyetso birindwi bizabumburwa, ubwiru bw...”

21 Kandi noneho ibyumweru bibiri nyuma y'ibyo, cyangwa amezi abiri, ahari, nyuma y'ibyo, Nari hejuru aho mu misozi hamwe n'itsinda ry'inshuti igihe byabaga. Abamarayika barindwi, mu buryo bugaragara neza neza nkuko waba uhagaze hano, barmanutse beyura Ijuru. Ibitare byo mu misozi birariduka bimanuka hasi mu misozi, kandi—kandi abantu bari bahagaze aho barimo basakuza nuko birakomeza, murabizi, kandi umukungugu warimo utumuka ahantu hose. Kandi ubwo byabaga, Yaravuze ati: “Subira mu rugo. Noneho bizabaho, buri Marayika azaba ari kimwe mu bimenyetso by'Ibimenyetso Birindwi.”

22 Aribyo, biri kuri kaseti. Kandi igitabo kizasohoka vuba aha, ubwo ubu kirimo gutunganywa kubijyanye n'ikibonezamvugo. Nkuko mubizi, ikibonezamvugo cyanjye ntabwo ari cyiza cyane, kandi abantu ntabwo... Mukwiriye kuba abantu bankunda kandi bazi uburyo bwo gusobanukirwa ikibonezamvugo cyanjye. Ariko abanyatewolojiya bamwe barimo barabinyirira mu kibonezamvugo, kandi barimo gukuramo ibyo—byose... Rero, ahari nshobora kuba narakoresheje ijambo ritari ryo hariya. Nta nubwo mbizi. Rero, numvise umuntu aseka, maze nkeka ko “kuboneza imvugo” ahari atari byo. Ariko kimwe nawe Mudage, Mumfatire kucyo nashakaga kuvuga atari icyo navuze, niko nibwira.

23 Kandi ubu ni iminota itatu, ni ko nabwiwe, turi hafi gusoza gahunda.

24 Noneho, mwebwe bantu barimo gukurikira kuri radiyo, kandi mwebwe murwaye n'abafite ibyifuzo hano mu materaniro, mwarambikanaho ibiganza byanyu umwe ku wundi mu gihe tukiri muri uyu mwanya wo gusengera abarwayi. Noneho Yesu yaravuze ngo, Inshingano Ze za nyuma yahaye Itorero, “Dore ibimenyetso bizagenda n'abizera ngibi.” “Abo,” abo bizera! “Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.”

25 Data mwiza wo mw'Ijuru, tumeze nk'abana bato muri iki gihe, twumvira ibyo Wavuze ko dukwiye gukora. turambitse ibiganza kuri ibi byifuzo byose byo kuri telefone. Urababona bari hanze aho ku mbuga, reba uburyo bakennye, kandi babaye. Urabona aba bari ahangaha bakennye, kandi babaye. Kandi turabakweguriye, mukundwa Mana, hamwe n'uku kwizera mu Ijambo Ryawe iryo wavuze ugira uti: “Dore ibimenyetso bizagenda n'abizera abizera ngibi. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Bitwemerere, Mwami, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina. [Umwanya uriho ubusa kuri kaseti—Ubwanditsi.]

[Mwene Data Branham asoza insakazamajwi ya radio ya mbere—Ubwanditsi.]

²⁶ Urakoze, mwene Data Shakarian. Nyakuri ni amahirwe akomeye kongera kugaruka hano kuri iyi nsakazamajwi, mvugana na bamwe mu nshuti zanjye aho hanze ku mbuga ziri kuri radiyo, kimwe n’abari hano.

²⁷ Kandi nyakuri turongera ubu butumire kuri mwe, muhawe ikaze rero kuri Hoteli Embassy ejo nyuma ya saa sita, kugira ngo musengerwe. Kandi atari ibyo gusa, ahubwo kuzana abo ba banyabyaha ndetse n’abasubiye inyuma. Niba dufite gusengera abarwayi gusa, kandi tukabona Imana irimo ikora ibitangaza bikomeye, ariko ibyo ni ibya kabiri. Ikintu cy’ingenzi ni ugukizwa, ukuzura Umwuka w’Imana, aribyo ngiye kuvuganaho namwe mu mwana muto hano, kandi icy’ingenzi n’uburyo dukwiriye kuba twuzuye Umwuka w’Imana.

²⁸ Kandi gukira indwara guturuka ku Mana gukurura amatsiko y’abantu, maze kukabazana mu Bwiza bw’Imana. Igihe Imana ikoze ikintu ubwo—ubwo bamenya ko ari . . . rero, ntabwo babisobanukiwe. Ntabwo muburyo bufatika dushobora kwerekana uburyo bikorwa. Imana irabikorwa mu nzira Zayo Bwite. Noneho ibyo bikurura amatsiko y’abantu, kubwo kumenya ko hariho Kugaragara kw’Imbaraga ahantu runaka, izo zibasha gukora ibirenze gusobanukirwa k’umuntu, kandi ibyo bikabatera kureba k’Umwana w’Intama w’Imana. Kandi igihe cyose, Gukira indwara guturuka ku Mana, nabwiwe, kandi ndabyizera, ubwanjye, ko hafi mirongwitandatu, ahari, nka mirongwirindwi ku ijana, by’umurimo w’Umwami wacu, wari ugukiza indwara kwa Kimana. Kandi yakoraga ibyo kugira ngo akurure abantu. Noneho igihe bari baraho, Yaravuze ngo, “Keretse mwizeye ko Ndi We, naho ubundi muzarimbukira mu byaha byanyu.”

²⁹ Noneho, Gukira indwara guturuka ku Mana ni ikarita ikomeye ikurura abantu, ituma abantu bareba ku Mwami Yesu. Kandi Dogiteri F.F. Bosworth, nkuko benshi muri mwe mumeze, yari inshuti yanjye, kandi nari muzi, n’umurimo we wari usobanuye byinshi kuri njye nk’umubwiriza muto. Natangiye aho mu materaniro yanjye, maze nza guhura na Mwene Data Bosworth. Yajyaga avuga ngo: “Gukira indwara Guturuka ku Mana” ni imvugo ikomeye itumvikana, yaravuze ati: “Gukira indwara guturuka ku Mana ni nk’icyambo ku rushundura.” Yaravuze ati: “Ntabwo wigera wereka ifi urwo rushundura. Uyereka icyambo, maze ikaza igikurikiye hanyuma igafatirwa mu rushundura.” Noneho icyo nicyo tugerageza gukora. Ibyo ni byo twe . . . twe . . . intego yacu ni ukugeza abantu ku Mwami Yesu Kristo. Kandi uko Yari ari ejo hashize, ni ko ari uyu muni, kandi ni ko azahora n’iteka. Niba rero Yari Ukiza indwara mu minsi yahise, n’uyu muni ni Ukiza indwara.

³⁰ Ubuhamya bwanjye bwite gato mbere y’uko dusengera abarwayi bari aho hanze mu gihugu bakurikiriye kuri radiyo. Hashize iminsi mike, nari nicaye mu misozi aho ikintu gikomeye

cyabayeho mbere y'uko cumi na batanu cyangwa makumyabiri bari aho, ahantu Marayika w'Uwiteka yamanukiye, kandi Umucyo ukomeye wamurikaga nk'itara, wagurumaniye aho mu misozi, kandi ibitare byatarukaga nko muri metero maganabiri, cyangwa zirenga, aho hose, bicagaguramo ubushorishori bw'ibiti aho hanze. Kandi narimpagaze aho muni yawo. Kandi nabibabwiye amezi make imbere y'uko bibaho, y'uko Byagombaga kubaho n'uburyo byajyaga kugenda; Nyakuri, byari byaravuzwe mbere. Kandi abantu bose birukiye muni y'amakamyoneti na buri kintu, bagerageza guhunga. Ntabwo bari bazi icyabaye. Kandi Yarabivuze ndetse ababwira ibyagombaga kubaho ako kanya nyuma y'aho.

³¹ Nicaye kuri kimwe muri ibyo bitare aho, ahongaho byari byabereye, narimfite—narimfite inshuti yari kumwe natwe, yari yamanutse iturutse haruguru muri Minnesota. Abantu be bari hano muri iki gitondo kandi ntabwo nzi neza ko yaba ari ahantu runaka mu bindi bice by'inyubako. Yari Donavon Weerts, kandi ni umusore mwiza, Umuluteriyani weguriye ubuzima bwe Kristo kandi akaba yaruzuye Umwuka. Umuhungu w'Umudage uciye bugufi cyane, ufite nk'inyaka mirongwitatu, umuryango, w'abana babiri cyangwa batatu bakiri bato. Yimukiye hepfo aho i Tuckson kugira ngo aturane nanjye, aho abagera kuri magana atatu cyangwa magana ane bimukiye ngo bambere abaturanyi. Rero we . . .

³² Kandi ndanezerewe kugira abaturanyi nka bo. Baramperekeje aho hose muri Afurika Yepfo, n'ahantu hose, kugira ngo bambe hafi maze barebe . . . hamwe nanjye, ndetse no kuba hamwe nanjye maze bakishimira umunezero w'Umwami.

Mwene uwo muntu uciye bugufi, ntabwo nari namwitayeho cyane.

³³ Birumvikana, abantu nzi kandi mbana nabo kuri nje bameze nka bene Data, na bashiki banjye. Ndabareba, kandi nkamenya abo bari bo, iyo ntekereje ko batangiyeye kuva mu murongo, maze nkabashyira ku ruhande maze nkavugana nabo, kubera ko mbakunda. Dushaka kubana hamwe mu Bwiza. Kandi ahari rimwe na rimwe, mu materaniro, mutekereza ko nkoresha imvugo ikarishye. Ibyo ntabwo biba biturutse . . . Ibyo ntabwo aba ari ukubera ko ntabakunda, ahubwo bituruka mu mutima wanjye, kubera ko nje—nje . . . Bigomba kuba ari inzira imwe gusa. Hariho inzira imwe gusa yo gukorera Imana, kandi iyo . . . Kandi tugomba kuguma mu nzira Yayo, uko ibitekerezo byacu byaba bimeze kose. Inzira Yayo!

³⁴ Kandi nabonye ko Donavon, ku gace gato k'ugutwi kwe, hari habyimbye ahari hikubye nk'inshuro eshatu z'ingano yaho, kandi hari hatukuye. Rero, ubwo natekerezaga ko ahari ibyo, aho twari mu butayu kubw'iminsi mike, kubera ko ariho twari turi, ko ahari ashobora kuba yari yabyimbiwe mu gutwi kwe.

Ariko, mufashe ukuboko, menya ko yari kanseri. Nuko ndavuga nti, Donavon, ndavuga nti, “Donavon, waba . . . Ibi bimaze igihe kinga iki ku gutwi kwawe?” Bwari nk’uburyo bwo kumunyuzza iruhande, bisa nkaho ntari mbizi. Ndavuga nti: “Ese ibyo bimaze igihe kingana iki aho ngaho, Donavon?”

Aravuga ati: “Mwene Data Branham, ni nk’amezi atandatu,” ni uko yavuze.

Ndavuga nti: “Kubera iki utigeze ubimbwira?”

³⁵ Aravuga ati: “Yoo, nabonaga uhuze cyane,” aravuga ati: “ntabwo nashakaga ku—kubikora.” Aravuga ati: “Njye natekereje ko ahari wenda igihe kimwe Uwiteka azabikubwira.”

Nuko ndavuga nti: “Ese ubasha kubona icyo ari cyo?”

Aravuga ati: “Mfite igitekerezo cyiza.”

Ndavuga nti: “ibyo ni byiza.”

³⁶ Kandi igitondo gikurikiyeho, ntabwo byari bigihari, mfashe ikiganza cy’uwo muhungu, igitondo gikurikiyeho, ntabwo hari hakiri n’inkovu nto kuri uko gutwi. Ibyo byose byari byamaze kugenda kuburyo bwuzuye.

³⁷ Rero inshuro nyinshi turahata, kandi tukagerageza kubona *ibi, biriya*. Cyangwa . . . Murabona, ni, “Ibi bimenyetso bizaherekeza abizera.” Ntabwo yavuze ngo: “nibaramuka basengeye abarwayi.” “Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira!” Tugomba kugira kwizera, twebwe ubwacu, mu byo dukora. Nibyo.

³⁸ Rero ubu Donavon aho ari ari hano. Muzahura nawe. Azaba ari hano, niba atari hano muri iki gitondo, ahantu runaka mu bindi bice by’inyubako. Muzahura na we, kandi azamenya ubu buhamya.

³⁹ Kandi se ni iki kindi navuga? Nibwira ko Luka, cyangwa Yohana, umwe, yaravuze ngo isi ntiyashobora kwa . . . kwakira, no gukwirwaho ibitabo byashobora kwandikwamo ibyo Yakoze hagati mu bantu muri iyi minsi yanyuma; uburyo abarwayi bagiye bakira indwara, abasinzi bakabohoka, ku bwinshi, ndetse n’uburyo bwose bw’uburwayi n’imibabaro.

⁴⁰ Noneho, mwebwe muri hanze mu gihugu mukurikira kuri radiyo, kimwe n’abakurikira hano, Mfite hano ubu ikiganza kinini cyuzuye cy’ibyifuzo byaje binyuze kuri telefone muri iki gitondo, yakomeje guhamagara guhera igihe twari turi hano. Kandi rero twe . . . ijana na mirongo cyenda na bitandatu byaje muri iki gitondo, binyuze kuri telefone, guhera igihe twabereye hano. Noneho reka tujye hamwe mu masengesho nonaha nkuko biri umwe ku wundi . . . Aho muri hose, aho hanze mu gihugu, murambikaneho ibiganza umwe ku wundi, niba muri abizera. Niba atari uko, rambika ikiganza kuri Bibiliya cyangwa ikindi kintu aho ngaho, mu gihe dusenga hano na hariya.

41 Mukundwa Mana Data wo mu Ijuru, ubuhamya buto bwa Donavon Weerts, umwe mu bihumbi, Mwami, uwo Wagiriye ubuntu bukomeye... Ndasenga kugira ngo witegereze hasi imbere mu mitima y'abantu yaba abari hano n'abakurikiye ku mbuga kuri radiyo. Kandi reka abo, buri wese muri bo, akire indwara. Reka umubi abavemo, kandi reka babohoke imibabaro yabo yose. Biduhe, Data. Ni mu izina rya Yesu Kristo, Umwana wawe, tubisabye. Amina.

Urakoze, Mwami... [Umwaya uriho ubusa kuri kasete—Ubwanditsi.]

[Mwene Data Branham asoza insakazamajwi ya kabiri—Ubwanditsi.]

☆☆☆☆☆☆

42 Rero, ibi ni ku nshuro ya gatatu hano muri iki gitondo. Mbega!, kandi, murabizi, byari byaravuzwe ko tugomba kuva muri iyi nyubako nko mu minota cumi n'ibiri, iminota cumi n'ine, cyangwa ikintu nk'icyo. Kandi ubuyobozi bwavuze ko, aribo bari mu yindi nyubako hariya, kandi ntabwo bashobora kugabura andi mafunguro. Amafunguro yacu yarangiye. Twagize inyigisho nyinshi, murabizi. Rero turanezewe cyane, cyane kuko twagize uku guhaga gukomeye, kwa yubile y'umwuka, nkuko nashobora kuyita, muri iki gitondo hano hamwe n'itsinda ryiza ry'abantu.

43 Ndifuza ko—ko ngaragaza y'uko turibugire... amateraniro na none, ejo nimugoroba, hariya kuri Ambassade. Noneho, tugiye gusengera abarwayi hariya, kandi twiteze ko Imana iza kubana natwe. Kandi naje kugira ngo mbase gushyiraho uruhare rwanjye, umurimo wanjye, mu gukora (ibyho dushoboye byose) aya materaniro kugira ngo agire itsinzi. Atari itsinzi kubera ko ari amateraniro yacu, ahubwo intsinzi y'abantu babonye Yesu Kristo. Iyo ni yo intsinzi. Amateraniro ayo ari yo yose, uko twashima Imana kose, uko twabona Akora ibintu bikomeye byinshi, inshuro zingana iki Avugana natwe mu Mwuka, n'ibindi; Keretse gusa hagize ikintu runaka gikoreka, ubugingo runaka bukazanwa mu Bwami!

44 Kandi Mwene Data Shakarian yavuze i—ibintu by'ukuri mu kanya kubijyanye n'ibyho yatekerezagubwira kuby'iyi minsi iyo turi—turi kubamo. Ndabyizera rwose n'umutima wanjye wose, ko turi mu gihe cyo gusozwa, gusa mu—mu gicu cya nimugoroba. Izuba rirarenze. Kandi igihe tubona ibintu birimo kubaho uburyo bimeze uyu muni, rero, biragoye kuvuga icyo ikindi gisekuru cyazana. Mu minsi mike ishize... .

45 Reka nse nk'ubinjiza imbere gato mu kintu runaka. Bakoze isesengura hose muri Arizona, aho ntuye, mu mashuri yose. Bahaye abana, bo batabizi, babaha ikizamini cyo mu mutwe, batabizi. Noneho mwakwibaza ibyo ari byo? Harimo n'amashuri yisumbuye ndetse—n'amashuri abanza, hari abagera

kuri mirongo inani ku ijana by'abana bari bafite ikibazo cyo mu mutwe. Mirongo irindwi ku ijana byabo bari abareba television. Murabona, ibi bibi, byacengeye muri twe kandi ntabwo... Mwakwibaza impamvu biza. Mwashobora kumva Ijwi ry'Imana rirangurura ribirwanya, kandi nyamara hano twe—twisanga twarabohewe muri byo.

⁴⁶ Mureke mbereke ikintu giteye agahinda. Murabona, “Ntabwo ari bose bambwira bati: ‘Mwami, Mwami,’ bazingira; ahubwo ni abakora ubushake bwa Data.” Ubushake Bwe ni Ijambo Rye. Twashobora kuba abihayimana bishoboka byose, tukagira ibihe byiza, tugasakuza, tugasimbuka, muri aya materaniro, ayo turimo... Ntabwo—ntabwo nshaka kunenga. Ariko mfite i—inshingano zo gukorera Imana, kandi izo nshingano ni ukuba umunyakuri no kuvaga icyo Ishaka ko mvuga. Kandi Njye—Njye nyakuri nanezerewe n'iteraniro ry'i California ryaranyihanganiye mu—mubyo nemera. Ndamutse ntavuze uko mbyemera, naba ndi indyarya kandi ntabwo ndi yo, ntabwo naba mbabereye umunyakuri. Kandi niba ntashobora kubabera umunyakuri, ni gute nashobora kuba umunyakuri ku Mana? Kuko mbabona kandi mvugana namwe, birumvikana nibyo tugomba gukora ku Mana, nayo, ariko tugomba kuba abanyakuri n'inyangamugayo umwe ku wundi. Mubyukuri turi mu—mu gihe giteye ubwoba, igisekuru giteye ubwoba. None se mwigeze muhagarara...?

⁴⁷ Mureke mbahe isesengura rito gusa. “Ntabwo ari bose bavuga bati: ‘Mwami, Mwami,’ bazingira yo; ahubwo ni abakora Ibyo Data ashaka.” Yesu yaravuze ngo, ku isi, “Umuntu ntazabeshwaho n'umugati wonyine, ahubwo azabeshwaho na buri Jambo.” buri Jambo ryose! Atari ubu gusa ni cyo gihe, atari Ijambo rimwe, ahubwo na buri Jambo.

⁴⁸ Ni Ijambo rimwe ritizewe, muy'Imana...mu mategeko y'Imana, ibyo byazanye urupfu, agahinda, na buri burwayi n'umutima kubwo guhusha Ijambo ry'Imana, Ijambo rimwe! Niba yarajyanye inyokomuntu mu rupfu, kubera kubura kwizera, kutizera Ijambo rimwe, “nta gushidikanya,” nta gushidikanya. Ariko Yari yavuze ko ariko bizagenda. Satani aravuga ati: “nyakuri ntabwo bizabaho.” Ariko byarabaye.

⁴⁹ Noneho, tugomba kugumana na buri Jambo ry'Imana. Kandi niba umuntu n'iyi mibabaro yose n'ibindi byagwiriyeye inyoko muntu, binyuze mu gusobanura nabi, cyangwa—cyangwa kutizera Ijambo rimwe, mbega uburyo twasubiye inyuma kubwo kubura Umwe, niba byarasabye iki giciro cyose, ndetse bigatwara ubuzima bw'Umwana Wayo?

...hahamagawe benshi, ...hatoranywa bake.

...hahamagawe benshi, ...hatoranywa bake.

⁵⁰ Ntabwo mbasha gukura umutwe w'icyanditswe muri ibi, ariko, kubera ko nta gihe dufite, ariko ni ukugira ngo ngire icyo mbasigira.

⁵¹ Mureke tubitekerezeho... Naragiye umunsi umwe hamwe na Mwene Data Shakarian, aho barimo batera intanga inka. Nuko mbona aho—aho... muri laboratwari aho Mwene Data Shakarian yari yanjyanye. Kandi bakoze mu ntanga ngabo z'inka, akantu gato... akantu gato k'agakoresho, kameze nk'akambi, maze bafata nke kuri izo ntanga, maze bazishyira munsi y'icyo kirahuri kizitubura inshuro amagana. Kandi aho hari uturemengingo twasimbukaga muri zo, muri izo ntanga. Ibyo, tuzi ko uturemengingo tuva mu kigabo, kandi igi riva mu kigore. Maze mbaza umuhanga mubyubutabire aho, ndavuga nti: “Ni iki gitera turiya tuntu duto gusimbuka nka kuriya?”

Aravuga ati: “Turiya—turiya ni ibimasa bito n'inyana.” Murabona?

Maze ndavuga nti: “muri kariya gatonyanga gato?”

Aravuga ati: “Yego.”

⁵² Ndavuga nti: “Ahari noneho muri ziriya ntanga zose haba harimo miliyoni zazo?”

Aravuga ati: “Yego, rwose.” Murabona? Noneho, mwitegereze neza.

⁵³ Noneho, igihe iki kintu gikomeye kibayeho, haba hari igi rimwe riba ritegereje intanga imwe ivuye muri iyo miliyoni. Kandi nta n'umwe washobora kuvuga ari iyihe ntanga iza kuba yo, cyangwa niba ari irihe gi riza kuba ryo. Niba mwashobora kwitegereza ivuka risanzwe, ni ibirushijeho kuba ubwiru kuruta—kuruta ukubyara k'umwari. Kubera ko, muri iyi ntanga, hariho imwe muri izo yari yagenwe mbere kubaho, naho izisigaye zose zigomba gupfa. Kandi ntabwo rihura n'iya mbere; habaho ibashije gufatana n'igi bwa mbere. Ahari wenda igi rishobora guhaguruka kuri iyo iturutse aho inyuma mu ntanga, cyangwa hagati mu ntanga; intanga ishobora gukora kimwe, igi. Intanga incengeru mu igi, maze ako karizo gato kakagatakara, maze aho urutirigongo rugatangira. Hari imwe gusa muri icyo kirundo cyose, muri miliyoni, iyo niyo iza kubigeraho, imwe gusa; kandi iyo igenwa n'Imbaraga zitazwi, ku muntu. Nyamara mwebwe, buri wese, muri kimwe, izo ntanga ziba zimeze kimwe. Ni kimwe no mu nyamaswa. Kimwe mu bantu. biba byagenwe niba igiye kuba umuhungu, umukobwa, ufite umusatsi utukura, imisatsi y'umukara, cyangwa ikindi. Bigenwa n'Imana. Zose ziba zisa, mu buryo busanzwe, ariko hariya hari imwe yagenewe kubaho; umwe muri miliyoni, nyamara zose zisa.

⁵⁴ Igihe Isiraheli yavaga muri Egiputa, hari abantu bagera kuri miliyoni ebyiri bambukiye igihe kimwe. Buri wese muri bo yumvise ubutumwa bw'umuhanuzi. Buri wese muri bo yabonye Inkingi y'Umuro. Buri wese muri bo yabatijwe na Mose,

mu Nyanja Itukura. Buri wese muri bo yavugije induru ari mu—mu Mwuka, bacuranga ishako kandi biruka bazamuka ndetse bamanuka ku nkombe, hamwe na Miliyamu, igihe Mose yaririmbaga mu Mwuka. Bose, buri wese, yanywereye ku Rutare rumwe rw’umwuka. Bose, buri umwe wese, yaryaga Manu nshya buri mugoroba. Buri wese muri bo! Ariko hari babiri bageze mu gihugu, umwe kuri miliyoni.

⁵⁵ Ikizamini cyari ikihe? Bose banywereye ku Rutare rumwe, bese baryaga Manu nshya imwe nkuko turimo kurya muri iki gitondo, ariko ikigeragezo cy’Ijambo cyarabagaragaje. Igihe byaje kugera ku gihe cy’i Kadeshi-Baruneya, igihe batangiraga kwinjira mu gihugu cy’isezerano, kandi ntibashoboraga kwinjirayo kugeza babanje kugeragezwa n’Ijambo. Kandi abandi bese—abandi icumi baragarutse, maze baravuga bati: “ntabwo twabishobora! Abantu bameze nk...twari tumeze nk’inziye imbere yabo, imigi yabo igoswe n’inkuta zikomeye. Abo duhanganye barakomeye.”

⁵⁶ Ariko Yoswa na Kalebu bacecekesha abantu. baravuga bati: “Turashoboye cyane kubikora!” Kubera iki? Imana yaravuze, mbere y’uko bahaguruka, igihugu cy’isezerano iti: “Ndakibahaye. Mbahaye icyo gihugu. Ni icyanyu.” Ariko hariho umwe kuri buri miliyoni.

⁵⁷ Hariho abagera kuri miliyoni maganatanu biyita Abakristo mu isi uyu muni, kandi buri muni urangiza igisekuru. Kandi ubu, byagenda bite Izamurwa riramutse ribaye uyu muni maze abantu magana atanu, mu isi, bakaba aribo bajyanwa mu Izamurwa? Ntabwo mwabimenya cyangwa ngo mubibone mu binyamakuru, ko abo bagiye. Kandi Kuza k’Umwami kuzaba ari Ukuza kw’ibanga. Azaza kandi ameze nk’umujura. Bazaba ari abantu bake, kuburyo...

⁵⁸ Kimwe n’uko byari bimeze mu minsi ubwo abigishwa babazaga Yesu bati: “Kubera iki Abanditsi bavuga ko—ko Eliya agomba kubanza kuza?”

Aravuga ati: “Yamaze kuza, kandi ntabwo mwigeze mubimenya.”

⁵⁹ Mwaba mwarigeze mutekereza ku cyo abantu bakoze? Bakomeje kwizera ko mala-...ko Mala-...Eliya yagombaga kuza. Kandi yari aho hagati muri bo, kandi ntabwo bigeze babimenya.

⁶⁰ Ni ko bizagenda mu gihe cyo kuza k’Umwana w’umuntu! Bazamugenza nkuko ibyo byagenze. Umwuka w’Imana uri hano. Rero, ni iki tugiye kubikoraho? Ese twaba tugiye kurya Manu, n’ibindi, kandi ntidukomeze gukura nkuko dukura?

⁶¹ Ese mwigeze mwitegereza imbuto, nkuko Revera Pitts yarimo abivuga mu kanya gato gashize, n’uburyo imbuto ijya mu butaka? Imbuto nyinshi ziri aho mu butaka. Igihe Imana yagendaga hejuru y’amazi, hamwe n’Umucyo, maze Umucyo

urasohoka, Kugaragara kwa mbere kw’Imana, bivugwa ko Umucyo waje uturutse mu Ijambo ry’Imana. Kandi Ijambo ry’Imana ni cyo kintu cyonyine n’ubu gitanga Umucyo. Kandi igihe amazi yakamaga, imbuto zari ziri aho mu butaka, kandi Umucyo wamejeje imbuto zari ziri aho zifite akaremangingo k’ubuzima muri zo, zirakura. Imana yarimo ikora ukurema Kwayo.

⁶² Kandi noneho, mu gitondo cya Pasika aho hari undi Mucyo warashe ku isi, igihe Umwuka Wera yatangwaga. Kandi Watanzwe kugira ngo uzane Umucyo kuri izo Mbuto z’Imana, kubwo kumenya mbere Kwayo, yamenye ko zizabaho hano ku isi. Nkuko Yamenye imbuto za mbere zisanzwe, Izi aho Imbuto y’umwuka iri. Umubiri wawe wari uryamye hano ku isi icyo gihe, ubwa mbere igihe Imana yaremaga isi. Turi igice cy’isi. Twari turyamye hariya. Kandi kubwo kumenya mbere Kwayo Yari izi uzayikunda n’uzayikorera, n’utazabikora. Kumenya mbere Kwayo nicyo bivuze. kuramutse atari uko kuri, noneho ubwo yaba Atari Imana. Ntishobora kuba Imana keretse gusa ari itagira iherezo. Kandi niba Itagira iherezo, Izi ibintu byose.

⁶³ Rero, mubona abantu bakora ubupfu bwabo. Bagasitara kuri bwo. Bakirukira muri byo, maze bagatekereza *ibi* na *biriya*, ariko ntabwo bikora neza, turabibona. Ariko hari ibikora neza, ibyo ni ukubona ubushake bw’Imana butunganye maze ugahagarara muri bwo, icyo Imana yaguhamagariye.

⁶⁴ Nkuko Mwene Data Jack yabivuze mu minota mike ahagana hepfo hano muri—muri Pershing Square, ubwo buyobe bwose. Umwe yerekera muri *iyi* nzira, naho undi akerekera muri *iriya*; no kubijyanye n’abanyatewolojiya, n’ibindi, niba mushaka kumenya tewolojiya zimwe, mumanuke hepfo hariya.

⁶⁵ Ndatekereza ko ari nako bimeze muri Hyde Park muri London. Nari ndaho aho hepfo, buri wese aba afite icye gitekerezo. ni—ni uruvange rw’iyi si ya none igezweho muri babuloni.

⁶⁶ Ariko mwabashije kubona ko—ko Mwene Data Pitts yakomeje n’ubutumwa bwiza bwe muri iki gitondo kuri twe? Mu gihe yaratangiye gusohoka mu pariki, aho yahabonye ururabo ruto rwa Pasika. “Hagati muri ubwo buyobe,” nkuko yabitudzaniye, “nta buryo buhari bwo kuba wavuga ngo: ‘yego’ cyangwa ‘oya.’ Byari ubuzima bw’Imana bumurikamo hagati muri rwo, hagati muri ubwo buyobe bwose.” Rwari aho mu gukayangana kwarwo, kubera ko Imana yarugeneye kubaho. Hagati muri izo ntambara zose, nta muntu n’umwe wari urwitayeho. Ntabwo bashoboraga kubona ibisobanuro byarwo mu buryo bw’umwuka.

⁶⁷ Kandi uko ni ko bimeze hagati mu biterane byacu bikomeye n’amatsinda, n’amatorero n’amadini, n’ibindi. Umwe akurura ajya muri *iyi* nzira, “tugomba kuba Ababatista, cyangwa tukaba

Abaperisebuteriyani, tugomba kuba *ibi, biriya, cyangwa ibindi.*” Hagati muri ibyo byose, harimo ururabo rurimo rukura. hariho imbaraga z’Imana hagati muri twe, zirimo zirakura hagati yacu twese. Reka duhagarare gato maze turwitegereze, iminota mike, noneho murwitegereze iki cyumweru, maze murebe niba rudapfundukira imbere yanyu. Twizeye ko Imana iza kubikora. Ese mwe si uko? [Itorero rivuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.]

⁶⁸ Ndabona ko twagakwiye kuba turi aho hasi ubu. Noneho reka dusenge, buri wese muri twe.

⁶⁹ Mukundwa Mana, igihe twunamishije imitwe yacu mu Bwiza bwawe, turumva ko tudakwiriye ngo tube twagira icyo dusaba. Ariko Warabidusezeranyije, ko nituramuka tuje, ko Utazigera utwirengagiza. Kandi aya magambo akomeye ayo twavuze, ntabwo na gato ari inyigisho, “umwe kuri miliyoni,” ariko nk’uburyo bwo kwibuka. Rero Waravuze uti:

*...irembo ni rigari, kandi inzira ifunganye, niyo
iyana abantu mu bugingo, kandi abayinyuramo ni bake.*

Kuko hahamagawe benshi, ariko hatoranywa bake.

⁷⁰ O Data Uhoraho, ohereza Umucyo w’Ubutumwa Bwiza aha muri uyu mugu, muri iki cyumweru kije cy’igiterane. Kandi niba hari ahaba hari Imbutu, uko biri kose binyuze mu gukomera Kwawe, ubuhanga n’ubwenge, nkuko twarimo tugerageza kubyerekana binyuze mu ntanga ngabo n’ingore, reka baze mu giterane. Reka Umwuka Wera abahe Umucyo. Turabona ko ahari igihe gikuze cyane kuruta uko tubitekereza. Turasabye, Mana, nkuko tuje hano, kubwo kwizera ko ahari hari ikintu kiri hano twashobora gukora kikaba cyafasha abantu, cyangwa—cyangwa kigafata iriya ntama yanyuma. Tuzi ko, iyo uruhongore rwuzuye, icyo gihe Umwungeri yugarira amarembo.

⁷¹ Nkuko byari bimeze mu minsi ya Nowa, ubwo umunyamuryango wanyuma yinjiraga, Imana yakinze umuryango. Kandi barakomanze ndetse barahondagura, ariko bari bakererewe. Mukundwa Mana, bagize ayo amahirwe.

Waravuze uti: “Ni njye Rembo ry’intama.”

⁷² Kandi ukuntu indirimbo y’umusizi ikora ku mutima, “Ese mirongw’icyenda n’icyenda ntibahagije kuri Wowe? Ariko, oya, hariho umwe ubura.” Ashobora kuba ari intama nto y’umwirabura, cyangwa ashobora kuba ari umuntu mutwo woroheje, bishobora kuba ari umugore cyangwa umugabo woroheje. Ntabwo tuzi aho bari, ariko iyo yanyuma ingomba kwinjira maze amarembo akugarirwa. Yooo Mana, uzi byose, rondora ubuzima bwacu muri iki gitondo. Kandi utwohereze aho twagakwiye kuba tujya hose, kugira ngo tubashe gushaka iyo ya nyuma, kugira ngo amarembo yugarirwe n’Umwungeri imbere hamwe n’intama. Biduhe, Mwami. Haramutse hari umwe hano uyu muni, akaba ari uwo wari ukwiriye kwinjira . . .

⁷³ “Abo Data yampaye bose bazaza aho ndi. Kandi nta muntu n’umwe ushobora kuza, keretse Data amureheje.”

⁷⁴ Kandi niba hari ikirimo gikurura, cyangwa ibiyumvo runaka, ko iyi ishobora kuba ari isaha y’umuntu runaka waba uri hano muri aya materaniro, hano cyangwa mu nzu yo hasi, cyangwa ahandi aho ari ho hose bishobora kuba, reka basubize bati: “Yego, Mwami, ni nje wa mwana w’ikirara wari warazimiriyeye kure; kandi nararwanye, ubuzima bwanjye bwose. Njye—njye—njye niyumvishemo ko nkwiriyeye kuza, ariko uyu mwanya ndi mu ruhande rwo gutsindwa. Ntabwo nshobora kuzamuka cyangwa ngo manuke. Ntaho nshobora kujya.” Yoo, reka Umwungeri ukomeye aze, arambure ibiganza by’imbabazi maze yinjize iyo ahatekanye, ayishyire ku bitugu Bye maze ayisubize ahatekanye.

⁷⁵ Wenda haba hari umwe hano, Mwami, urwaye, akaba ari muri iyo miterere nk’iyo, uwo dogiteri yavuze ati: “Nta kintu cyashobora gukorwa.” Yagerageje kuyirokora, ariko ntabwo abasha kubigeraho. Birenze aho yashobora gushyikira. Hariho—nta gisigaye yashobora gukora. Imiti ye cyangwa imbugita ye ntabwo ibasha kubigeraho. Ariko, O Mwami, nta kintu cyabasha kujya kure y’ukuboko Kwawe gukomeye, kandi Ijambo Ryawe ni ukuboko Kwawe. Rero turasabye, Mukundwa Mana, kugira ngo, iki gitondo, mu gihe turimo kuvugana na We, ngo Urambure ikiganza hasi maze wegure uwo urwaye kandi akaba adashoboye kwifasha ubwe, mwegure kure y’aho ubuhanga bwose bugera, kure y’abadogiteri, reka bakire. Bitange, Mwami.

⁷⁶ Mu gihe dutekereza kuri Dawidi, nkuko yari yarahawe kuragira intama, zari nke. Ariko umunsi umwe idubu iraza maze ifata umwagazi w’intama umwe muri nuko irawujyana, kandi yajyaga kuba yarawurikiye (kimwe n’uburyo kanseri yashobora kurya umubiri), cyangwa intare nini. Ariko Dawidi, utari witwaje ibikoresho bikwiye nk—nk’imbunda, cyangwa, utari wa muntu witwaje inkota, ahubwo yari afite umuhumetso gusa, yakurikiye ya ntama. Nuko igihe yabonaga iyo—iyo nyamaswa igiye kwica uwo mwagazi w’intama, arayitera akoresheje umuhumetso. Iyo ntwaro nto ikozwe mu gahu n’umukoba, nyamara, ariko yari ayifitiye icyizere.

⁷⁷ Nta bahanga bakomeye bari hagati muri twe, Mwami. Turi abantu boroheje hamwe n’isengesho ryoroheje, ariko turaje muri iki gitondo dukurikiye intama ya Data. Uwo mugore wagenze amayira yose, ababaye, anywa itabi, agerageza kubona amahoro binyuze mu itabi; uriya muntu wihumuriye mu kirahuri maze akagerageza kucyigizayo, ariko umwanzi akamukomeza; Uriya muhungu cyangwa umukobwa wagerageje gukora ibikwiriyeye, nyamara akaba atabasha kubona imbaraga zihagije zo kuba yakitandukanya n’ikibi; tuje mu izina ry’Umwami Yesu, kugira ngo tugaruze iyo ntama muri iki gitondo. Duhinyuje umwanzi, kuko ari ikintu cyoroshye, ni umuhumetso w’amasengesho, ariko

turaje kugira ngo tuyigarure mu mukumbi wa Data, bityo kugira ngo twite kuri ibyo bintu byashyizwe mu biganza byacu. Reka imbaraga z’Imana ubu zikore ku kwizera, aho imbere mu mitima y’abantu, kandi reka ubwo bugingo bwazimiye bugaruke muri iki gitondo. Reka ibigeragezo by’ubu buzima bijye kure ye, bimureke agende. Kandi reka yiyumve atekanye aho ku bitugu bya Shebuja, ubwo agaruwe ahantu hatekanye. Tubisabye mw’Izina rya Yesu. Amina.

⁷⁸ Imana ibahe umugisha mwese. Kugeza igihe nzababonera ejo, nsubije amateraniro Mwene Data Shakarian. [Umwanya uriho ubusa kuri kaseti—Ubwanditsi.]

[Mwene Data Branham asoza igice cya gatatu—Ubwanditsi.]

☆☆☆☆☆☆

⁷⁹ Ibi, nje—niringiye ko muza...y’uko nagiriwe ubuntu kurushaho mu maso y’Imana n’imbere yanyu, kwizera ko nshobora guhagarara hano kugira ngo mbabwire ikitari ukuri. Natambutse isabukuru yanjye y’amavuko y’imyaka mirongo itanu n’itandatu, ejobundi. Ubu ntabwo ari Ubutumwa bw’umusaza. Nizeye ibi kuva ndi umwana w’umuhungu. Kandi niba ibi atari ukuri, naba narabaye umupfapfa kuruta abandi Imana yaba yarigeze igira ku isi. Natanze ubuzima bwanjye bwose kubera iyi Mpamvu. Kandi reka mvuge ibi n’ubunyakuri: Iyo njya kugira ubuzima ibihumbi cumi, ntabwo naribuzigere na rimwe mpindura igitekerezo cyanjye.

⁸⁰ Noneho, gukira indwara kuri aho umuntu wese yashyikira. Mwibuke, gukira indwara kuri muri mwe. Imana yabishyize mu giti cya pichi ko buri pichi yose izigera ibaho iba iri muri cyo, igihe yagiteraga mu Ngobyi. Murabona, mwebwe gusa... igiti cya peach cyangwa cya pome, cyangwa igiti cy’imbuto, kigomba gukura, binyuze mu kunywa ku mazi ari mu butaka. Noneho buri wese muri mwe afite ubwo bushobozi muri we, bwo kubakiza, kubera ko ni Imana, guhera igihe rwaterewe muri Christo binyuze mu mubatizo (atari umubatizo w’amazi), umubatizo w’umwuka. Ntabwo muza muri Kristo binyuze mu mubatizo w’Amazi. Kubw’umubatizo w’umwuka!

⁸¹ Ejo nimugoroba, Umwami nabishaka, nzavuga kuri *byo*, uburyo n’*icyo* nyakuri biri cyo mu bikorwa. Twabishyize nyuma ya saa sita kugira ngo tutagira amwe mu materaniro yanyu tubangamira.

⁸² Noneho mwitegereze, buri wese muri mwe hano muhari nk’abizera, murabona, noneho Ubuzima bwari muri Kristo buri muri mwe. Burashoboye, niba mushobora gusa kubibona!

⁸³ Ni umurimo wa satani kuguma kubakumira kuri Byo, agakomeza kubahuma. Ashobora kugutera, kuguma uri impumyi, mu buryo, murabona, uba utazi aho kugana icyo gihe. Umuntu w’impumyi ntabwo aba azi aho ari kugana, abagomba gushaka gusobanukirwa abihawe n’umuntu ubasha kubona.

Kugeza ubwo dushobora gusobanukirwa, haba hagomba kuba ukubwira ikiri Ukuri.

⁸⁴ Kandi Kristo yafuye kubwawe, ndetse watandukanijwe n’isi uterwa muri Kristo. Kandi buri kintu cyose ukeneye kiri aho muri wowe, kubw’umubatizo w’Umwuka Wera. Ese ibyo si ukuri? Noneho ikintu cyonyine dufite gukora ni ugutangira Kunyweraho.

⁸⁵ Kandi nkuko igiti kinywa, kigatangira gusohora ibibabi byacyo, kikarabya, kikera imbuto zacyo buri mwaka. Imbuto ntabwo ari ubutaka; imbuto ni ikimera. Nibangahe basobanukiwe ibyo, muvuge muti: “amina.” [Iteranira riravugana ngo, “amina.”—Ubwanditsi.] Rero, murabona, imbuto iba iri mu kimera, kandi buri kimera kigomba kunywa ku isoko yacyo. Nkuko imvura imanuka, igaha icyo kimera, ubuzima, kubwo kunywa amazi yayo. Rero, uko kinywa, ni ko gikura.

⁸⁶ Kandi gikomeza gukura kugeza kigeze kugushibuka neza, neza nk’uko bimeze ku Itorero, kurabya uburabyo muri iki gisekuruza.

⁸⁷ Kandi, nkuko iyo tunywa, ni ko dukura. Ariko iyo ikimera cyanze kunywa, ubwo nyine ntikiba kigishoboye gukura. Kandi niba ubu mwashobora kubyizera, buri wese ku giti cye!

⁸⁸ Kubera ko, muzi uburyo Umwami abikora, agaragaza ibintu bitandukanye, kubw’ibyo wakoze n’ibyo utakagombye gukora, n’ibindi, mu materaniro. Twari twiringiye ko Umwuka Wera aza kutumanukira muri iki gitondo maze agakora ibyo, mu gihe duhagaze. Ariko nakomeje gutegereza.

⁸⁹ Ndatekereza ko ari igice kiruhije, gutekereza ko munzu yo hasi bashaka ko dusohoka hano, murabona. Ariko baradutegereje; twatinze ubu.

⁹⁰ Ariko mwizere ibi, n’umutima wanyu wose. Ndabinginze mubikore. Niba n’nye—niba n’nyewe nagiriwe ubuntu imbere y’amaso yanyu, nk’umuntu w’umunyakuri, mwizere ibi. Noneho murambike ibiganza byanyu kuri—kuri umwe ku wundi.

⁹¹ Noneho murebe, Bibiliya ntabwo yavuze ngo, “ibi bimenyetso bizagendana na William Branham.” Ntabwo yavuze ngo, “bizagendana na Oral Roberts gusa.” Ntabwo yavuze ngo bizagendana na “Mwene Data Kopp” cyangwa “undi muntu wundi.”

⁹² “Dore ibimenyetso bizagendana nabo,” mu bwinshi, “abo bizeye. Nibarambika ibiganza byabo ku barwayi, bazakira.” Ni za mbaraga z’Imana ziri muri mwe, zizana Ubuzima kuri uwo muntu murambitseho ibiganza, isoko itanga Ubugingo y’Umwuka Wera.

⁹³ Mukundwa Mana, mu Izina rya Yesu Kristo, muri iki gihe gikomeye igihe itorero . . . reka bahagarare muri aka kanya, Nta guhagarika umutima, kandi reka za Mbaraga zazuye Kristo

zikamukura mu mva, zizure muri bo nonaha Ukuri k'Ubutumwa Bwiza, nkuko inshingano Yesu yatanze yari iri, abo nibaramuka "barambitse ibiganza ku barwayi, bazakira." Reka buri mbaraga yose y'amadayimoni, buri burwayi bwose, buri cyorezo cyose, buri mubabaro wose, buri kintu cyose kibuzza amahoro kiza ku bantu, reka kibaveho aka kanya kubwo kwizera. Nk'abantu bizeye, tubisabye mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

⁹⁴ Noneho muzamure ibiganza byanyu maze mu muhimbaze, niba mwizeye ko Abikora.

⁹⁵ Mukundwa Mana, uyu mwana aribupfe, Mwami, keretse hagize igikorwa. Ncyashye iri pfundo, mu Izina rya Yesu Kristo. Reka rive kuri uyu mwana w'umuziranenge. Amina.

Noneho, abaganga baragerageje, maze barananirwa. Izere gusa. 🐦

65-0424 Umwe Kuri Miliyoni
Kafetariya ya Clifton
Losanjeresi, Kariforuniya Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org